Republic of Rwanda
Ministry of Education

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# IBIBAZO N'IBISUBIZO KU BIJYANYE N'ITANGAZWA RY'AMANOTA Y'IBIZAMINI BYA LETA BISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (2023/2024)

## 01 UMUKANDIDA ABIGENZA ATE KUGIRA NGO AMENYE AMANOTA YE?

Kugira ngo umukandida abashe kureba/kumenya amanota ye akoresha uburyo bukurikira: Kujya ku rubuga rwa NESA **(https://www.nesa.gov.rw/)**, agakanda ahanditse ijambo **"Exam Results"**, agakanda ahanditse **"Advanced Level/TTC/TVET-TSS"**, akandika nomero iranga umukandida ahabigenewe **"Index Number"**, hanyuma akuzuza ahandikwa nomero ye y'indangamuntu, yarangiza agakanda **"Get Results"** agahita abona amanota ye.

## 02 KO HATANGAZWA AMANOTA UMUKANDIDA YAGIZE KU IJANA (PERCENTAGE), KUKI HAKIGARAGARA IBYICIRO BY'IMITSINDIRE (GRADES) KURI BURI SOMO?

Amanota y'ibizamini bya Leta yatangajwe hagaragazwa ayo umukandida yagize ku ijana (percentage), kugirango buri mukandida amenye amanota nyirizina yagize muri ibyo bizamini. Ibyiciro by'imitsindire (grades) bikoreshwa kuri buri somo kuko biteganywa n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (CBC) yigishwa mu mashuri y'u Rwanda.

Indi mpamvu ni uko ibyo byiciro byoroshye ku bigereranya n'ibikoreshwa mu bindi bihugu mu igereranya ry'impamyabumenyi/impamyabushobozi rikorwa ku rwego mpuzamahanga (equivalence).